# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 03-07 Kanama

P1. Birmingham 2022: Ikipe y'u Rwanda muri Beach Volleyball yasoreje ku mwanya wa kane



# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Birmingham 2022:** Ikipe y'u Rwanda muri Beach Volleyball yasoreje ku mwanya wa kane

P3 **Boxing:** Ishyirahamwe ry'umukino w'Iteramakofi mu Rwanda ryateguye irushanwa ribanziriza shampiyona

P4 **Volleyball:** Ikipe ya APR VC y'abagabo n'abagore zegukanye ibikombe bya NSSF-KAVC

P5 **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere

# 1 **Birmingham 2022:** Ikipe y'u Rwanda muri Beach Volleyball yasoreje ku mwanya wa kane

Kuva taliki 28 Nyakanga kugeza 08 Kanama 2022 mu Mujyi wa Birmingham mu Bwongereza habereye imikino ihuza ibihugu byibumbiye mu muryango w'ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza "Commonwealth Games 2022".

Ku nshuro ya 4 u Rwanda rwitabiriye iyi mikino rwari rwaserukiwe n'abakinnyi 16 mu mikino 4 ari yo Koga "Swimming", gusiganwa ku magare "Cycling", imikino ngororamubiri "Athletics" na Volleyball ikinirwa ku mucanga "Beach Volleyball".

Ikipe y' u Rwanda muri Beach Volleyball yari igizwe na Ntagengwa Olivier na Gatsinzi Vénuste yitwaye neza yegukana umwanya wa 4 nyuma yo gutsindwa n'ikipe y'igihugu y'u Bwongereza amaseti 2-0 mu guhatanira umwanya wa 3.

**Uko ikipe y'u Rwanda yitwaye**

Iyi kipe yari iri mu itsinda B hamwe na Australia (Paul Burnett na Christopher "Chris" McHugh), Afurika y'Epfo (Leo Williams na Grant Goldschmidt) na Maldives (Sajid Ismail na Adam Naseem).

Umukino wa mbere wabaye taliki 30 Nyakanga 2022, aho ikipe y'u Rwanda yatsinze Afurika y'Epfo amaseti 2-0 (21-19 na 21-16).

Umukino wa kabiri wabaye taliki 01 Kanama 2022, ikipe y'u Rwanda itsinda Maldives amaseti 2-1 (21-16, 14-21 na 16-14).

Umukino wa nyuma mu itsinda wabaye taliki 03 Kanama 2022, ikipe y'u Rwanda itsindwa na Australia amaseti 2-0 (21-16 na 21-18).

Muri ¼, ikipe y'u Rwanda yatsinze ikipe ya New Zealand (Sam O'Dea na Brad Fuller) amaseti 2-0 (21-18 na 21-19). Uyu mukino wabaye taliki 05 Kanama 2022.

Mu mukino wa ½ cy'irangiza, ikipe y'u Rwanda yongeye guhura na Australia zari kumwe mu itsinda B. Iyi kipe y'u Rwanda yatsinzwe na Australia amaseti 2-0 (21-18 na 21-14).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe n'ikipe y'u Bwongereza (Javier Bello na Joaquin Bello) amaseti 2-0 (21-11 na 21-12).

Muri iki cyiciro, ikipe yegukanye umwanya wa mbere ni Australia aho yatsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Canada (Daniel Dearing na Sam Schachter) amaseti 2-1 (17-21, 21-17 na 20-18).



*kipe y' u Rwanda muri Beach Volleyball yari igizwe na Ntagengwa Olivier (ibumoso) na Gatsinzi Vénuste (iburyo) yitwaye neza yegukana umwanya wa 4 mu mikino ya Commonwealth 2022*

**Mu mikino ngororamubiri "Athletics"**

Muri iki cyiciro abakinnyi 4 ni bo bari baserukiye u Rwanda ari bo Nimubona Yves, Iranzi Celine, Uwitonze Claire na Imanizabayo Emeline.

Taliki 03 Kanama 2022 Iranzi Celine yasiganwe muri metero ibihumbi 10 asoreza ku mwanya wa 11 aho yakoresheje iminota 32, amasegonda 48 n'ibice 60.

Aha uwabaye uwa mbere ni Eilish McColgan (Scotland) wakoresheje iminota 30, amasegonda 48 n'ibice 60 akurikirwa na Irene Chepet Cheptai (Kenya) wakoresheje iminota 30, amasegonda 49 n'ibice 52 naho ku mwanya wa 3 haza Sheila Chepkirui (Kenya) wakoresheje iminota 31, amasegonda 9 n'ibice 46.

Taliki 05 Kanama 2022, Uwitonze Claire yahatanye muri metero 1500 aho yaviriyemo mu majonjora y'ibanze. Uwitonze yabaye uwa 8 mu itsinda rya 4 aho yakoresheje iminota 4, amasegonda 24 n'ibice 07.

Muri iki cyiciro, Laura Muir (Scotland) yegukanye umwanya wa mbere akoresheje iminota 4, amasegonda 02 n'ibice 75 akurikirwa na Ciara Mageean (Northern Ireland) wakoresheje iminota 4, amasegonda 4 n'ibice 14 naho ku mwanya wa 3 haza Abbey Caldwell (Australia) wakoresheje iminota 4, amasegonda 04 n'ibice 79.

Taliki 06 Kanama 2022, Nimubona Yves yahatanye muri metero ibihumbi 5 asoreza ku mwanya wa 5 aho yakoresheje iminota 13, amasegonda 20 n'ibice 20.

Muri iki cyiciro uwa mbere yabaye Jacob Kiplimo (Uganda) wakoresheje iminota 13, amasegonda 8 n'ibice 8, yakurikiwe na Nicholas Kimeli (Kenya) wakoresheje iminota 13, amasegonda 8 n'ibice 19 naho ku mwanya wa 3 haza Jacob Krop (Kenya) wakoresheje iminota 13, amasegonda 8 n'ibice 48.

Taliki 07 Kanama 2022, Imanizabayo Emeline yasiganwe muri metero ibihumbi 5 aho yasoreje ku mwanya wa 14 akoresheje iminota 15, amasegonda 37 n'ibice 87.

Muri iki cyiciro, Beatrice Chebet (Kenya) yegukanye umwanya wa mbere akoresheje iminota 14, amasegonda 38 n'ibice 21, ku mwanya wa kabiri haje

Eilish McColgan (Scotland) wakoresheje iminota 14, amasegonda 42 n'ibice 14 mu gihe ku mwanya wa 3 haje Selah Busieni (Kenya) wakoresheje iminota 14, amasegonda 48 n'ibice 24.



*Uhereye ibumoso: Nimubona Yves, Imanizabayo Emeline, Iranzi Celine na Uwitonze Claire*

**Mu mukino wo gusiganwa ku magare "Cycling"**

Muri uyu mukino, u Rwanda rwari rwaserukiwe n'abakinnyi 8 barimo 5 mu cyiciro cy'abagabo ari bo Uhiriwe Byiza Renus, Muhoza Eric, Mugisha Samuel, Manizabayo Eric na Mugisha Moise. Hari kandi abakinnyi 3 mu bagore ari bo Mukashema Josiane, Ingabire Diane na Tuyishime Jacqueline.





Taliki 04 Kanama 2022, hakinwe icyiciro cyo gusiganwa n'isaha hakabarwa ibihe byakoreshejwe ku mukinnyi ku giti cye «Individual Time Trial ».

Mu bagore basiganwe intera ya kilometero 29, abakinnyi babiri b'u Rwanda bahatanye, Ingabire Diane yasoreje ku mwanya wa 25 akoresheje iminota 47 n'amasegonda 39 naho Tuyishime Jacqueline asoreza ku mwanya wa 26 akoresheje iminota 48 n'amasegonda 4.

Muri iki cyiciro, Grace Brown (Australia) yegukanye umwanya wa mbere aho yakoresheje iminota 40 n'amasegonda 5 akurikirwa na Anna Henderson (England) wakoresheje iminota 40 n'amasegonda 38 naho ku mwanya wa 3 hasoreza Georgia Williams (New Zealand) wakoresheje iminota 40 n'amasegonda 38. Muri rusange iki cyiciro cyitabiriwe n'abakinnyi 31.

Mu bagabo basiganwe kilometero 37, abakinnyi 2 b'u Rwanda ari bo Mugisha Moise na Uhiriwe Byiza Renus ni bo bahatanye.

Mugisha Moise yasoreje ku mwanya wa 17 aho yakoresheje iminota 51 n'amasegonda 56 naho Uhiriwe Byiza Renus asoreza ku mwanya wa 27 aho yakoresheje iminota 53 n'amasegonda 52.

Muri iki cyiciro, Rohan Dennis (Australia) ni we wegukanye umwanya wa mbere aho yakoresheje iminota 46 n'amasegonda 21, yakurikiwe na Fred Wright (England) wakoresheje iminota 46 n'amasegonda 47 naho ku mwanya wa 3 haza Geraint Thomas (Wales) wakoresheje iminota 46 n'amasegonda 49.

Taliki 07 Kanama 2022 habaye isiganwa ryo mu muhanda « Road Race». Mu bagore basiganwe intera ya kilometero 112 aho abakinnyi baserukiye u Rwanda, Mukashema Josiane, Ingabire Diane na Tuyishime Jacqueline bose ntawasoje isiganwa.

Muri iki cyiciro, Baker Georgia (Australia) ni we wabaye uwa mbere, ku mwanya wa kabiri haje Evans Neah (Scotland) naho ku mwanya wa gatatu haza Roy Sarah (Australia) bose bakaba barakoresheje amasaha 2, iminota 44 n'amasegonda 46.

Mu bagabo basiganwe intera ya kilometero 160, mu bakinnyi bari baserukiye u Rwanda, Uhiriwe Byiza Renus yasoreje ku mwanya wa 23, MuhozaEric asoreza ku mwanya wa 33, Mugisha Moise ku mwanya wa 36 na Manizabayo Eric ku mwanya wa 54. Mugisha Samuel we nta bwo yashoboye gusoza isiganwa.


Muri iki cyiciro, Gate Aaron (New Zealand) yegukanye umwanya wa mbere akurikirwa na Impey Daryl (South Africa) naho ku mwanya wa 3 haza Crockett Finn (Scotland) bose bakaba barakoresheje amasaha 3, iminota 28 n'amasegonda 29.

**Mu mukino wo Koga "Swimming"**

Mu mukino wo Koga "Swimming", u Rwanda rwaserukiwe n'abakinnyi babiri mu bagabo ari bo Imaniraguha Eloi OLY na Irankunda Isihaka.

Imaniraguha Eloi OLY yahatanye muri metero 50 muri "Butterfly" no muri metero 100 muri "Freestyle" mu gihe Irankunda Isihaka yahatanye muri metero 50 "Butterfly" na metero 100 muri "Butterfly".

Aba bakinnyi bombi bakaba baraviriyemo mu majonjora mu byiciro bitabiriye.



*Uhereye ibumoso: Eloi Maniraguha OLY na Irankunda Isihaka*

Muri rusange muri iyi mikino yari ibaye ku nshuro ya 22, Australia ni yo yegukanye imidali myinshi 178 harimo 67 ya zahabu, 57 ya Feza na 54 y'Umuringa. Ku mwanya wa kabiri haje u Bwongereza n'imidali 176 naho ku mwanya wa gatatu haza Canada n'imidali 92.

Ku ruhande rw'u Rwanda ni inshuro ya kane rwari rwitabiriye iyi mikino gusa kugeza ubu nta mudali rurabasha kwegukana.

# 3 **Boxing:** Ishyirahamwe ry'umukino w'Iteramakofi mu Rwanda ryateguye irushanwa ribanziriza shampiyona

Taliki 06 Kanama 2022, kuri Hilltop Hotel i Kigali habereye irushanwa ribanziriza shampiyona "Pre-Championship Fights" ryateguwe n'Ishyirahamwe ry'umukino w'Iteramakofi mu Rwanda "Rwanda Boxing Federation" mu rwego rwo gufasha abakinnyi gukomeza kwitegura neza shampiyona y'igihugu iteganyijwe kuba mu mpera z'uyu mwakawa 2022.

Abakinnyi 14 baturutse mu makipe 7 agize Ishyirahamwe ry'umukino w'Iteramakofi nibo bitabiriye irushanwa, bahatana ku giti cyabo hagendewe ku biro.

**Amakipe yose yitabiriye irushanwa**

1. Rwanda Boxing Academy/Club
2. Kimisagara Boxing Club
3. Inkuba Boxing Club
4. Kuddos Boxing Club
5. Kimisagara Boxing Club
6. Kigali Life Boxing Club
7. Isata Boxing Club

**Abakinnyi babiri ba mbere muri buri cyiciro**

Mu bahungu, Iranezeza Emmy ukinira Inkuba Boxing Club yabaye uwa mbere mu bafite ibiro 51 atsinze Mugisha David wo muri Rwanda Boxing Academy.

Niyigena Olivier ukinira Kuddos Boxing Club yatsinze Kamali Olivier wa Rwanda Boxing Academy mu bafite ibiro 54.

Mu cyiciro cy'abafite ibiro 57 hakinwe imikino ibiri aho Hategekimana Aimable wo muri Kimisagara Boxing Club yatsinze Kenneddy Bazuri wo muri Rwanda Boxing Academy naho Iyanone Jean Claude ukinira Inkuba Boxing Club anganya na Mugisha Emmy wo muri Kuddos Boxing Club mu gihe Ntare Emma wo muri Rwanda Boxing Academy yatsinze Nshimiyimana Patrick ukinira Inkuba Boxing Club mu bafite ibiro 60.

Mu bakobwa habaye umukino umwe aho Ange Nsengiyumva wo mu Isata Boxing Club yatsinze Ndayishimiye Dorcas wo ukinira Inkuba Boxing Club mu bafite ibiro 63.





## 4 **Volleyball:** Ikipe ya APR VC y'abagabo n'abagore zegukanye ibikombe bya NSSF-KAVC

Ikipe ya APR VC mu bagabo n'abagore zitwaye neza zegukana irushanwa mpuzamahanga ryateguwe n'ikipe ya Kampala Amateur VolleyBall Club (KAVC) rigamije kwibuka abashinze iyi kipe bitabye Imana "NSSF-KAVC International Tournament 2022".

Iri rushanwa ryatangiye ryabereye i Kampala muri Uganda kuva taliki 05 kugeza 07 Kanama 2022.

Amakipe yitabiriye iri rushanwa mu bagabo n'abagore yari 24, yaturutse mu bihugu bya Uganda, u Rwanda, u Burundi na Sudani y'Amajyepfo. Hari hashize imyaka 2 ridakinwa bitewe n'icyorezo cya COVID 19.

Ku mukino wa nyuma mu bagore, ikipe ya APR VC yatsinze Kampala City Council Authority (KCCA VC) amaseti 3-2 (25-19, 27-25, 20-25, 24-26 na 16-14).

Mu bagabo, ikipe ya APR VC yatsinze ikipe yateguye iri rushanwa ari yo KAVC amaseti 3-2 (25-23, 19-25, 19-25, 25-19 na 15 -12).

Amakipe atatu ya mbere yahembwe mu bagabo ni APR VC yo mu Rwanda yahawe igikombe n'umudali wa Zahabu, KAVC VC ya Uganda yaje ku mwanya wa kabiri ihabwa umudali w'Umuringa, REG VC iza ku mwanya wa gatatu ihabwa umudali wa Feza. Ikipe ya Rukinzo y'i Burundi yaje ku mwanya wa kane.

Mu bagore, ikipe ya APR VC yo mu Rwanda yaje ku mwanya wa mbere ihembwa igikombe n'umudali wa Zahabu, KCCA ifata umwanya wa kabiri ihabwa umudari w'Umuringa mu gihe ku mwanya wa gatatu haje KAVC ihabwa umudari wa Feza. Amakipe yombi akaba ari ayo muri Uganda.

Umukinnyi mwiza wahize abandi mu irushanwa mu bagore "MVP" yabaye umukinnyi wa APR Mukandayisenga Benitha, ubu akaba ari mu kiruhuko kuko asanzwe akinira KCB yo muri Kenya, mu gihe mu bagabo uwahize abandi mu irushanwa "MVP" ari Daudi Okello wa KAVC usanzwe akina mu gihugu cya Koreya y'amajyepfo akaba yaranakiniye ikipe ya INATEK VC yo mu Rwanda.






# **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 06 na 07 Nyakanga 2022 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore.

**Uko imikino yagenze**

**Mu bagabo**

**Taliki 06-08-2022**

- Tigers BBC 105-55 UR Huye BBC
- REG BBC 112-53 Rusizi BBC
- IPRC Huye 57-98 APR BBC

**Taliki 07-08-2022**

- Espoir BBC 70-89 Patriots BBC
- IPRC Huye BBC 69-79 Tigers BBC

**Mu bagore**

**Taliki 06-08-2022**

- The Hoops 63-74 IPRC Huye
- REG BBC 85-90 APR BBC

RWANDA BASKETBALL LEAGUE
MEN

ROUND 2 RANKING 7/08/2022

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 23 | 22 | 1 | 0 | 45 | 2113 | 1319 | 794 |
| 2 | PATRIOTS BC | 23 | 21 | 2 | 0 | 44 | 1958 | 1252 | 706 |
| 3 | APR BBC | 23 | 20 | 3 | 0 | 43 | 1950 | 1274 | 676 |
| 4 | TIGERS BBC | 24 | 15 | 9 | 0 | 39 | 1785 | 1588 | 197 |
| 5 | ESPOIR BBC | 24 | 14 | 10 | 0 | 38 | 1703 | 1628 | 75 |
| 6 | UGB | 23 | 13 | 10 | 0 | 36 | 1685 | 1348 | 337 |
| 7 | RP-IPRC KIGALI | 22 | 13 | 8 | 1 | 34 | 1523 | 1351 | 172 |
| 8 | SHOOT 4 STARS | 23 | 11 | 12 | 0 | 34 | 1643 | 1577 | 66 |
| 9 | RP-IPRC HUYE | 22 | 10 | 12 | 0 | 32 | 1611 | 1377 | 234 |
| 10 | RP-IPRC MUSANZE | 24 | 6 | 18 | 0 | 30 | 1368 | 1835 | -467 |
| 11 | UR HUYE | 24 | 2 | 22 | 0 | 26 | 1262 | 2124 | -862 |
| 12 | RUSIZI BBC | 22 | 3 | 19 | 0 | 25 | 1212 | 1765 | -553 |
| 13 | UR CMHS | 23 | 0 | 23 | 0 | 23 | 1001 | 2385 | -138 |

PG: Played Games W: Win L: Loss F: Forfeit PTS: Points GD: Goal Difference

#RBL

RWANDA BASKETBALL LEAGUE
WOMEN

ROUND 2 RANKING 7/08/2022

| RANK | TEAM | PG | W | L | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR BBC | 12 | 11 | 1 | 23 | 1134 | 499 | 635 |
| 2 | REG BBC | 11 | 10 | 1 | 21 | 1109 | 478 | 631 |
| 3 | RP-IPRC HUYE | 12 | 8 | 4 | 20 | 955 | 608 | 347 |
| 4 | THE HOOPS RWA | 11 | 6 | 5 | 17 | 701 | 504 | 197 |
| 5 | GS MARIE REINE | 12 | 4 | 8 | 16 | 635 | 754 | -119 |
| 6 | UR CMHS | 12 | 1 | 11 | 13 | 326 | 1129 | -803 |
| 7 | UR HUYE | 12 | 1 | 11 | 13 | 391 | 1279 | -888 |

PG: Played Games W: Win L: Loss PTS: Points GD: Goal Difference

#RBL



RWANDA

commonwealth games RWANDA


**Website: www.olympicrwanda.org**
**www.olympicrwanda.org/commonwealth**
**Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic**

**Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave**